

REPUBURIKA Y'U RWANDA



URUKIKO RWISUMBUYE RWA HUYE

**ICYEMEZO CY'URUKIKO MU RUBANZA  
RP 00041/2019/TGI/HYE GITEGEKA UWIHISHE CYANGWA  
UWATOROTSE UBUTABERA KURWITABA.**

---

Umwaka w'i 2019, umunsi wa 05 w'ukwezi kwa Werurwe ;

Twebwe MBISHIBISHI Maurice; Umucamanza mu Rukiko rwisumbuye rwa Huye, dufatanyije na NYIRAMANA Aloysie; Umwanditsi w'urukiko.

Tumaze kubona urubanza RP 00041/2019/TGI/HYE, Ubushinjacyaha ku rwego rwisumbuye rwa Huye bukurikiranyemo MUNYEMANA Jean de Dieu icyaha cyo kunywa no kugurisha ikiyobyabwenge cy'urumogi, ruzaburanishwa ku wa 09/5/2019 saa tanu za mugitondo.

Tumaze kubona ko MUNYEMANA Jean de Dieu mwene Sibomana Emmanuel na Utabazi Regine, wavutse 2000, mu mudugudu wa Akarambo, akagari ka Rwanza, umurenge wa Save, akarere ka Gisagara, intara y'Amajyepfo, akaba ariho atuye, umunyarwanda, imuhinzi, akurikiranywe yaratorotse ubutabera.

Tumaze kubona ko MUNYEMANA Jean de Dieu yihishe cyangwa yatorotse ubutabera;

KUBERA IZO MPAMVU ZOSE TUBONYE:

Dushingiye ku ngingo za 212-214 z'itegeko n°30/2013 ryo ku wa 24/5/2013 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha;

Dushingiye ku ngingo za 45,46 z'itegeko n°22/2018 ryo kuwa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsu;

Dutegetse MUNYEMANA Jean de Dieu kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Huye ku wa 09/05/2019 i saa tanu za mugitondo ku cyicaro cyarwo mu murenge wa Ngoma mu nyubako y'Ingoro y'Ubutabera ya Huye iri hagati y'inyubako ya BNR/ishami rya Huye n'Iposita ya Huye kugira ngo aburanishwe, atakwitaba hakomezwa ko yasuzuguye amategeko, agacirwa urubanza adahari;

Twemeje ko mu rwego rwo kubimenyekanisha iki cyemezo kimanikwa ahagenewe amatangazo ku rukiko rwisumbuye rwa Huye, ku zindi nkiko zisumbuye zose, ku biro by'umurenge wa Save no ku biro by'akarere ka Gisagara ndetse kikanatangazwa ku rubuga rw'Urwego rw'ubucamanza.

Bikorewe i Ngoma /Huye mu mwaka, umunsi n'ukwezi byavuzwe haruguru.

Umucamanza  
MBISHIBISHI Maurice  
Sé



Umwanditsi  
NYIRAMANA Aloysie  
Sé

Copie certifiée conforme à l'originale  
Fait à Huye le 27/03/2019 Greffier N. MANA Aloysie